# Ingabire wa Transparency yavuze ku kibazo cy'abaribwa n'ingona bavoma Nyabarongo

Yanditswe na Evariste Nsengimana    Kuya 16 Kanama 2017

http://bit.ly/2iqqYU6




Yagize ati "Ubundi **ingona nazo zirakenewe**, ibinyabuzima byose birakenewe hakaza kuzamo ibintu by'ibidukikije bigomba kubungwabungwa. Ubundi icyo tubivugaho, ni uko Leta ikwiye gukora ibishoboka byose ikegereza abantu ibyo bakerera byose bituma batajya kubangamira ibidukikije cyangwa ngo nabyo bibabangamire."

Witegereje neza ibi Ingabire yavuze ndetse agakomeza kubishimangira, biragaragara ko icya mbere kimuhangayikishije ari ukubungabunga ibidukikije birimo ingona. Abaturage bagiye kuvoma amazi muri Nyabarongo bari bagiye kubongamira ingona, bityo rero niba izi ngona zarabariye, zari kwitabara, kwivuna umwanzi. Kuri we, nta mpamvu aba baturage bagomba kugobokwa na Leta ngo ibagezeho amazi meza.

Ngibyo ibitekerezo bya Ingabire ushinzwe umuryango mpuzamahanga wo gukorera mu mucyo mu Rwanda. None se hari ikindi Abanyarwanda bagitegereje ngo bahaguruke birwaneho aho guhitamo guhakirizwa kugeza ubwo ingona zirusha agaciro umuntu! *Uwapfuye yarihuse!*